Rwamakuba Mathias Dr: 1
P: 1

C.T. Letter

14/8/1979

Kigali, le 14 Kanama 1979

RWAMAKUBA Mathias
Commune Rutongo
Cellule Kabuye
Préfecture
KIGALI

d. Minagri 23.8.79

Nyakubahwa Bwana Ministri
w'Ubuhinzi n'Ubworozi
KIGALI

Impamvu:
Kunyagwa umulima
wanjye.

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkulikije urwandiko nabandikiye le 20/12/1978, kandi nkaba ntarabona igisubizo, ndabamenyesha ko merewe nabi bitewe n'uko akalima kanjye nali mfite bagatwaye. Nkuko nabibabwiye ubushize mu rwandiko mperutse kuboherereza, ko nali mfite umulima w'ibisheke mu gishanga cya Nyabugogo nali narahawe n'Abashinwa, hanyuma baza kuwunyambura ntazi inzira binyuzemo kandi nali nsanzwe nwuhinga. Icyo gihe mwaje kubwira Fundi Théophile ngo aze kureba uko bimeze, mubajije aho bigeze ahubwo akajya anyirukana, nza kumenya ko atigeze ajyayo kugezaho mu muhinduliye.

Nyakubahwa Bwana Ministri, kugirango ibi birangire menye ko mbuze umulima wanjye, nabasabaga ko mwakora anketi hanyuma mukabona gufata icyemezo, kuko abo nashoboraga kugezaho ikibazo cyanjye bagiye bampfukirana ngo nintange ruswa.

Nabimenyesheje Bourgmestre wacu ngo ambalize abantangiye umulima hanyuma banga kwitaba. Mbajije Directeur wa Sucrerie Rwandaise waliho icyo gihe, antera utwatsi ahubwo nahavanwe ni Immana kuko yali mu kagambane ko kuhatanga, aza kubyigurutsa avugako hatanzwe na KAYITANI, Chef wa Plantation, bakaba barawugabanije SEZIBERA Théodomir afatanije na Vénérand. Vénérand aho yarafite amaze kuhagulisha hali ibisheke nawe yaraguze na bene GATABAZI Paul; mucyeyere. Harya mwabujijje kugulisha isambu y'imusozi, mu gishanga muhatangira umusa?

Mbajije Directeur Général ushinzwe iby'ubutaka ambwirako nandikira Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi. Ubwo nahise mwandikira kuli iyo taliki mvuze haruguru. Icyo gihe babwira Fundi Théophile kujya kurangiza ikibazo cyanjye, ntiyajyayo kugeza ubwo bamuhinduye ajya gukora ahandi; aliko nsiragira muli iyo Ministeri. Nongeye kubaza Directeur Général uko bikwiye kugenda ambwira ko ngomba kongera kubandikira. None Nyakubahwa Bwana Ministri, ndabasaba kunsobanulira uwo mwaba mwarabwiye icyamubujije kujyayo, kandi nkaba mbaza incuro umuntu agomba kwandikira Ministri kugirango ikibazo gikemurwe; kuko mbona ahali aliko bigenda. Sinabuze amaboko yo kuhahinga, ngo nibura abe alibyo bitwaza ngo bahanyambure. Nkaba lero Nyakubahwa Bwana Ministri, mbasaba kundwanaho kuko ntakundi mfite nagenza.

Mbasezeyeyo mbashimira igisubizo muzangenera, kandi mbifuliza amahoro mu milimo mushinzwe.

RWAMAKUBA Mathias

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Prezida wa Repubulika i KIGALI
- Bwana Directeur Général w'Ubutaka KIGALI
- Bwana Bourgmestre wa Komini RUTONGO
- Bwana Directeur wa Sucrerie KIGALI